# TUZATSINDA



**UKO WAKORERA AKAZI KAWE**
**MU RUGO UKANIYUNGURA UBUMENYI**

# Inshamake

Mutesi yari amaze imyaka ibiri ashakisha akazi. Yakoze ibiraka bitari bike kandi aherutse kubona akazi muri sosiyete itanga serivisi za interineti, afite inshingano zo gushaka abakiriya aho yari kuzajya akora gatatu mu cyumweru. Ako kazi gakubiyemo gusura ibiro by'aho abakiriya bakorera no kubagurisha serivisi za interineti igihe bazikeneye. Kubera gahunda ya gumamurugo ntabwo yashoboye gutangira aka akazi nubwo yari yaratojwe uburyo bwo kugurisha no guha ubufasha abakiriya baboneka. Nubwo Mutesi atabashije gutangira akazi ke, yakoze uko ashoboye ngo agire icyo yiyungura mu gihe cya gumamurugo binamuviramo kubona akazi gahoraho muri Keza Keza.

Mutesi ni we mfura mu bana bane. Barumuna be biga mu mashuri yisumbuye. Bose bakaba barerwa na mama wabo gusa. Inshuti ye Manzi yari umwe mu bantu babonye akazi icyarimwe ariko nta muhate ashiramo wo gukomeza akazi ke.

@harambeerw

@harambeerw

@Harambee_Rw

**www.harambee.rw**

**Produced by Harambee Rwanda.**

TUZATSINDA WE WILL TRIUMPH

BE SMART · BE SAFE · BE KIND


MUTE, MPEREZA IYO SOSI NIRIRE. NDABONA MUFITE COURAGE (SOMA KURAJE), MUTANSHURA.
UMVA UKO YABAYE MBESE! AKIRA.
ESE MUTE, GAHUNDA Y'AKAZI KAWE ITEYE ITE KO NUMVA GUMAMURUGO YABAYE GUMAMURUGO? HARYA NTIBARI BAGUFASHE?
WARETSE MA. UBU MFITE IMPUNGENGE PE. SINZI UKO BIZAGENDA, KANDI NUBUNDI BARI BAMPAYE GUKORA GATATU MU CYUMWERU. UKUNTU NARI MAZE KWISHYIRA MU MYANYA NITEGUYE AKAZI.
ARIKO RERO NTUGIRENGO NI WOWE UHANGAYITSE GUSA. NAVUGANAGA NA NYOKOROME WAWE KARE AMBWIRA UKUNTU AHANGAYIKISHIJWE N'IDUKA RYE; NTA BAGUZI BAHAGIJE ARIKUBONA.
HMM, NONEHO NTAGICURUZA IBIRYO?!....
YAKORA ATE SE NTA BAKIRIYA ABONA? KO YABONAGA ABATAMBUKA BAJYA HIRYA NO HINO NONE HAKABA NTA BANTU BAKIGENDAGENDA MU MUJYI NKA MBERE.
EH, ARIKO HARI ICYO YAKWINJIZA DA. UZI KO UMUNTU YAMUFASHA AKAMWAMAMARIZA KU MBUGA NKORANYAMBAGA N'AHANDI, UBUNDI ABANTU BAGAKORA COMMANDE (SOMA KOMANDE). EREGA ABANTU NABO NTIBAGISOHOKA CYANE - BAKWISHIMIRA ABABIBAZANIRA.
ARIKO UZIKO ARI BYO? AHUBWO NZAMUGIRA IYO NAMA NUMVE.
OYA, AHUBWO MUHAMAGARE UBU UMUBWIRE KO NAKWIFUZA KUMUFASHA NIYO ATAMPEMBA ARIKO NKUNGUKA UBUMENYI N'UBURAMBE CYANGWA AKAZANANYANDIKIRA URWANDIKO RUMFASHA KUBONA AKAZI MU GIHE KIZAZA.
MAMA MUTESI AFATA TEREFONI ARAHAMAGARA


URUSAKU RWO MURI FILIMI
MANZI ARIGUSOMA MURI TEREFONI YE IBIRI KU MBUGA ZITANDUKANYE
HMM, IYI NOMERO KO ISA N'IYA MUTESI? 0785... UZIKO ARI YO! IBI NONEHO NI IBIKI?
MANZI AHAMAGARA MUTESI, TEREFONI YE IRASONA
ALO?
BITE SE MUTE?
NI BYIZA. BITE SE MWANA! GUMAMURUGO NGO GUTE?
REKA SHA. MBA NIBEREYE HANO NDEBA UDUSERI (SERIE). AHUBWO MBONYE NOMERO YAWE; NGO USIGAYE UCURUZA MAN! AYO MAKURU KO NTAYO WAMPAYE?
HAHA WAPI, UWABIMPA! HARI ONCLE (SOMA ONKILE) WANJYE UFITE IDUKA MU MUJYI. MURI IYI MINSI NDIMO KUMUFASHA KWAMAMAZA IBYO AKORA NO KUGERA KU BAKIRIYA. MBESE KUBAHAMAGARA NO KUBITABA NYINE; TUKABASHYIRA IBYO BAKENEYE.
EH NTIWUMVA SE! TUZAJYA KUYARYA NONEHO KORONA NIVAMO?
YEWE SHA NTAYO. USIBYE KO NYINE NDIMO KWIMENYEREZA KWAMAMAZA NO GUCURUZA NKABA NDI NO KWIYUNGURA UBUMENYI BUSHYA. NIDUSUBIRA MU KAZI NTIMUZANKIRA NZABA MFITE EXPERIENCE KABISA.
ARASEKA CYANE...
ARIKO DISI MUGIRA IGIHE CYO GUPFA UBUSA. UBU NJYE NAVUNIKA NKORA NTARI BUHEMBWE? WAPI, MAN. NARYAMYE SE NKATEGEREZA AKAZI NKAVUNIKA NIBURA NDI BUBONE INYUNGU?
NYAMARA URASEKA KANDI GUKORA NIYO UTAHEMBWA NI INGIRAKAMARO. UBU SE KO AHANTU HOSE BASABA UBURAMBE, UZABUKURAHE? NJYE MBONA ICYANGOMBWA ARI UKWIGA UKIMENYEREZA UMWUGA; CYANE NKO MURI IBI BIHE BITOROSHYE, UDATEKEREJE NGO USHAKE UDUSHYA WAKORA WASIGARA DA.
SHA RWOSE SINAKORERA UBUSA NTAMAFARANGA ARIMO. REKA NKUREKE AHUBWO FILIMI ITANSHIKA. TUZASUBIRA.
ARATEKEREZA N'IJWI RIRANGURUYE
ARIKO BURIYA KO BADOHOYE GUMAMURUGO, UBU KU KAZI BYIFASHE BITE? ARIKO SE NTIBARI KUDUHAMAGARA? WASANGA ABANDI BARABAHAMAGAYE NJYE NDI MU MANDAZI. REKA MPAMAGARE SUPERVISOR (SUPAVAYIZA) NUMVE!

MUTESI AHAMAGARA SUPERVISOR, TEREFONI IRASONA




URUSAKU RW'ABAVANDIMWE, N'IBYOMBO
MUTESI YISHIMYE CYANE...
MAMA, UZI KO EJO BUNDI NAGIZE GUTYA NKAHAMAGARA BOSS MUBAZA IBY'AKAZI NONE BIKABA BIMVIRIYEMO AKAZI GAHORAHO?
REKA? EREGA WOWE UZIBESHAHO! EJO BUNDI NYOKOROME YAMBWIRAGA UBURYO WAMUFASHIJE. MBESE ABAKIRIYA BARAMUSHIMA UBURYO YABITAYEHO!
GUKORANA NA ONCLE BYATUMYE NIGA BYINSHI KANDI MENYA IMPANO MFITE, NKO KWAKIRA ABANTU NEZA.
NI BYIZA MWANA WANJYE! NGAHO MBWIRA NEZA RERO IBY'AKAZI.
URUMVA... KUKO TUDASHOBORA KUGENDAGENDA MU BANTU TWAMAMAZA IBYO DUKORA, NABAJIJE BOSS NIBA TUTABIKORA TWIFASHISHIJE IKORANABUHANGA (ONLINE), TUKANABAHAMAGARA, YUMVA NI IGITEKEREZO KIZA ARABYEMERA. NONEHO ABONYE N'UKUNTU NKORA NEZA MBIKESHA BWA BURAMBE NAKUYE KWA ONCLE AHITA AMPA AKAZI GAHORAHO. UBU NDI UMUKOZI NK'ABANDI DA!
WABWIYE NA BARUMUNA BAWE NA MUSAZA WAWE BAGASHAKA IBYO BAKORA BIBAGIRIRA UMUMARO?
ARIKO MAMA, UBA UGIRANGO DUKORE IKI? MUTESI KO NUBUNDI YARANGIJE KWIGA AGOMBA GUKORA, TWE DUTEGEREJE UKWA CYENDA TUGASUBIRA KU ISHURI.
UMVA MBESE! UBU SE NTACYO WAKWIYUNGURA MU GIHE UKIRI MU RUGO AHO KWIRIRWA USAKUZA? IZO MBUGA MUHORAHO ZO NTIZIBAHO IBY'INGENZI? EREGA WAZIKORESHA WIGA.
ARIKO UZIKO NASETSE MUTESI, NONE UBU NKABA MBONA YARAVUGAGA UKURI! KOKO NTAKITAGIRA UMUMARO. YABONYE UBURAMBE AKORERA ONCLE WE ADAHEMBWA, NONE ABONYE N'AKAZI GAHORAHO TWE TURI HANO DUTEGEREJE KO BADUHAMAGARA. AHUBWO UBWO AKAZI KASUBUKUWE, REKA NZAMWEGERE ANYIGISHE UKO BIRIYA BINTU ABIKORA WE.... BATAZANYIRUKANA N'IKI KIRAKA NKAKIBURA KANDI BITOROSHYE KUBONA AKAZI KURI UBU...
MUTESI AKOMEZA ASOBANURIRA ABAVANDIMWE BE KO BASHOBORA GUKORESHA IMBUGA NKORANYAMBAGA BAREBA UTU VIDEWO CYANGWA AMAKURU MU CYONGEREZA KANDI KO HABA HARI N'ABACURUZI NKA TONTO WABO BASHOBORA GUFASHA GUSHYIRA IBYO BACURUZA KURI IZO MBUGA.